# NAWE YABISHOBORA



Umwanditsi: Murisa Jean Maurice  Uwashushanyije : Sengabo  Callixte

**©2021 Imanzi Press**

Uburenganzira  bw'umuhanzi bugomba kubahirizwa nta gice k'iki gitabo kigomba gutuburwa, kubika cyangwa guhererekanywa ku buryo ubwo ari bwo bwose nta ruhushya rwanditse rw'abacyanditse.



Kaliza ni umukobwa wavukiye mu muryango w'abahungu Batatu, ibyo bigatuma ababyeyi be bamukunda cyane. Kariza yiganaga imirimo ya basaza be nko gukina umupira w'amaguru, kubaka no gutwara igare.



Uko Kaliza yagendaga akura niko yagendaga arushaho gukunda gukina umupira w'amaguru, ariko ababyeyi be bakabyanga bavuga ko atari umukino w'abakobwa.



Umunsi umwe ise yamusanze ari gukina umupira w'amaguru afata inkoni aramukubita amubwira ko niyongera kumusanga akina umupira w'amaguru azamumerera nabi.



Kaliza byaramubabaje cyane atangira kujya ahora yigunze, umubonye wese akabona ko yahindutse kubera ko yari asigaye ahora ababaye.




Umunsi umwe ubwo  ikipe y'ikigo yigagaho yari igiye   gukina , yanze gukina, abayobozi b'ishuri bamubajije impamvu ababwira ko ise yamubujije kongera gukina umupira w'amaguru.




Abayobozi b'ishuri bagerageza kumwinginga ariko ababwira ko ise amenye ko yongeye gukina umupira w'amaguru yamumerera nabi. Ibyo byaje gutuma ikipe y'ikigo itsindwa umukino w'uwo munsi, nuko ubuyobozi bw'ishuri butumaho ababyeyi ba Kaliza ngo babaze impamvu bahohotera umwana wabo bamubuza gukina.



Ise ageze ku ishuri aravuga ati: “Nta mukobwa wakinnye umupira w’amaguru, ikindi kandi nifuza ko umwana wange azavamo umuganga.”Umuyobozi w’ishuri abwira ise wa Kaliza ati:”Gukina umupira w’amaguru ntabwo ari iby’abahungu gusa, imikino abahungu bakina n’abakobwa bayishobora ndetse bakaba banabarusha.” Ikindi nuko gukina bituma umwana arushaho kwiga neza kandi bikaba byanamuviramo impano yazamufasha mu buzima bwe.



Ababyeyi be bamaze gusobanukirwa basabye imbabazi umukobwa wabo biyemeza ko bagiye kumushyigikira kwagura impano ye.



Kaliza ageze mu rugo yatunguwe no gusanga ababyeyi be bamuguriye inkweto n'imyenda byo gukinana, aranezerwa cyane, asezeranya ababyeyi be ko atazabatenguha.



Imikino y'ibigo by'amashuri yarakomeje, ndetse ikigo Kaliza yigagaho gikomeza kwitwara neza kibifashijwemo na Kaliza.




Bidatinze ikigo cyabo cyaje gutwara igikombe mu rwego rw'igihugu, Kariza atorwa nk'umukinnyi wahize abandi mu gihugu cyose, ahabwa ibihembo bitandukanye anemererwa kuzigira Ubuntu kugeza arangije amashuri abanza n'ayisumbuye.



Ababyeyi be birabanezeza cyane bamushimira ubutwari bwe, kuva uwo munsi ababyeyi basobanukirwa ko umukobwa n’umuhungu bangana.